

**Ibirimo/ Summary/ Sommaire page/ urup**

**A. Itegeko / Law / Loi**

**N° 06/2015 ryo ku wa 28/03/2015**

Itegeko rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari .....2

**N° 06/2015 of 28/03/2015**

Law relating to investment promotion and facilitation.....2

**N° 06/2015 du 28/03/2015**

Loi portant promotion et facilitation des investissements.....2

**B. Amabwiriza / Directions / Règlement**

**N° 002/2015 yo ku wa 18/05/2015**

Amabwiriza ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsisi.....37

**N° 002/2015 of 18/05/2015**

Practice Directions by the Chief Justice governing civil, commercial, labour and administrative procedure.....37

**N° 002/2015 du 18/05/2015**

Règlement du Président de la Cour Suprême relatif à la procédure civile, commerciale, sociale et administrative.....37

ITEGEKO N° 06/2015 RYO KU WA 28/03/2015  
RIGAMIJE GUTEZA IMBERE NO  
KOROHEREZA ISHORAMARI

LAW N° 06/2015 OF 28/03/2015 RELATING  
TO INVESTMENT PROMOTION AND  
FACILITATION

LOI N° 06/2015 DU 28/03/2015 PORTANT  
PROMOTION ET FACILITATION DES  
INVESTISSEMENTS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES

Ingingo ya mberere: Icyo iri tegeko rigamiye

Article One: Purpose of this law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définitions des termes

UMUTWE WA II: IBYO UMUSHORAMARI  
YEMEREWU

CHAPTER II: GUARANTEES TO THE  
INVESTOR

CHAPITRE II: GARANTIES A UN  
INVESTISSEUR

Ingingo ya 3: Ishoramari rifunguye

Article 3: Openness to investment

Article 3: Ouverture à l'investissement

Ingingo ya 4: Ibyemerewe umushoramari

Article 4: Investor rights

Article 4: Droits de l'investisseur

Ingingo ya 5: Uko umushoramari  
w'umunyamahanga afatwa mu gihugu

Article 5: Foreign investor treatment

Article 5: Traitement d'un investisseur  
étranger

Ingingo ya 6: Kurengera igishoro n'umutungo  
by'umushoramari

Article 6: Protection of the investor's capital  
and assets

Article 6: Protection du capital et du  
patrimoine de l'investisseur

Ingingo ya 7: Kurengera uburenganzira ku  
mutungo bwite mu by'ubwenge  
by'umushoramari

Article 7: Protection of intellectual property  
rights in relation to investment

Article 7: Protection du droit à la propriété  
intellectuelle en matière d'investissement

Ingingo ya 8: Gusohora mu gihugu igishoro  
n'umutungo

Article 8: Repatriation of capital and assets

Article 8: Rapatriement du capital et du  
patrimoine

Ingingo ya 9: Gukemura impaka

Article 9: Dispute settlement

Article 9: Règlement des différends

<b><u>UMUTWE WA III: KWANDIKISHA ISHORAMARI</u></b>	<b><u>CHAPTER III: INVESTMENT REGISTRATION</u></b>	<b><u>CHAPITRE III: ENREGISTREMENT D'INVESTISSEMENT</u></b>
<b><u>Ingingo ya 10: Uko iyandikwa rikorwa</u></b>	<b><u>Article 10: Registration procedure</u></b>	<b><u>Article 10: Procédure d'enregistrement</u></b>
<b><u>Ingingo ya 11: Ibisabwa mu kwandikisha ishoramari</u></b>	<b><u>Article 11: Investment registration requirements</u></b>	<b><u>Article 11: Conditions d'enregistrement d'investissement</u></b>
<b><u>Ingingo ya 12: Igihe cyo gutanga icyemezo cy'ishoramari</u></b>	<b><u>Article 12: Timeframe for issuance of investment certificate</u></b>	<b><u>Article 12: Délai de délivrance du certificat d'investissement</u></b>
<b><u>UMUTWE WA IV: INSHINGANO Z'UMUSHORAMARI WANDITSE</u></b>	<b><u>CHAPTER IV: OBLIGATIONS OF A REGISTERED INVESTOR</u></b>	<b><u>CHAPITRE IV: OBLIGATIONS D'UN INVESTISSEUR ENREGISTRE</u></b>
<b><u>Ingingo ya 13: Inshingano z'umushoramari wanditse</u></b>	<b><u>Article 13: Obligations of a registered investor</u></b>	<b><u>Article 13: Obligations d'un investisseur enregistré</u></b>
<b><u>UMUTWE WA V: URUHARE RW'URWEGO MU GUTEZA IMBERE NO KOROHEREZA ISHORAMARI</u></b>	<b><u>CHAPTER V: ROLE OF THE BOARD IN INVESTMENT PROMOTION AND FACILITATION</u></b>	<b><u>CHAPITRE V: ROLE DE L'OFFICE DANS LA PROMOTION ET LA FACILITATION DE L'INVESTISSEMENT</u></b>
<b><u>Ingingo ya 14: Ibyo Urwego rusabwa gukora</u></b>	<b><u>Article 14: Duties of the Board</u></b>	<b><u>Article 14: Devoirs de l'Office</u></b>
<b><u>UMUTWE WA VI: GUHINDURA, GUHAGARIKA BY'AGATEGANYO CYANGWA BURUNDU IBIKORWA BY'ISHORAMARI</u></b>	<b><u>CHAPTER VI: CHANGE, SUSPENSION OR TERMINATION OF INVESTMENT OPERATIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE VI: CHANGEMENT, SUSPENSION OU CESSATION D'ACTIVITES D'INVESTISSEMENT</u></b>
<b><u>Ingingo ya 15: Kumenyesha Urwego impinduka n'ihagarika by'ibikorwa by'ishoramari</u></b>	<b><u>Article 15: Notification to the Board of change and termination of investment operations</u></b>	<b><u>Article 15: Notification à l'Office du changement et de la cessation d'activités d'investissement</u></b>
<b><u>Ingingo ya 16: Kumenyesha Urwego bikoze n'undi muntu</u></b>	<b><u>Article 16: Notification to the Board by a third party</u></b>	<b><u>Article 16: Notification à l'Office par une tierce personne</u></b>

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

**Ingingo ya 17:** Ibyo urwego rukora nyuma yo kumenyeshwa ihinduka ry'ibikorwa by'ishoramari

**Article 17:** Measures taken by the Board after notification of change of investment operations

**Article 17:** Mesures prises par l'Office après notification de changement d'activités d'investissement

**UMUTWE WA VII: GUTESHA AGACIRO ICYEMEZO CY'ISHORAMARI**

**CHAPTER VII: CANCELLATION OF AN INVESTMENT CERTIFICATE**

**CHAPITRE VII: ANNULATION DU CERTIFICAT D'INVESTISSEMENT**

**Ingingo ya 18:** Impamvu zo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari

**Article 18:** Grounds for cancellation of an investment certificate

**Article 18:** Causes d'annulation du certificat d'investissement

**Ingingo ya 19:** Ingaruka zo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari

**Article 19:** Effects of revocation of investment certificate

**Article 19:** Effets d'annulation d'un certificat d'investissement

**Ingingo ya 20:** Uko gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari bikorwa

**Article 20:** Procedures of cancelling the investment certificate

**Article 20:** Procédures d'annulation du certificat d'investissement

**Ingingo ya 21:** Kujuririra icyemezo cyo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari

**Article 21:** Appeal for reconsideration of the decision of cancelling an investment certificate

**Article 21:** Recours contre la décision d'annulation d'un certificat d'investissement

**UMUTWE WA VIII: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Ingingo ya 22:** Igihe cy'inzibacyuho

**Article 22:** Transitional period

**Article 22:** Période transitoire

**Ingingo ya 23:** Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

**Article 23:** Drafting, consideration and adoption of this Law

**Article 23:** Initiation, examen et adoption de la présente loi

**Ingingo ya 24:** Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

**Article 24:** Repealing of a Law and inconsistent provisions

**Article 24:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 25:** Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

**Article 25:** Commencement

**Article 25:** Entrée en vigueur

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

**ITEGEKO N° 06/2015 RYO KU WA 28/03/2015  
RIGAMIJE GUTEZA IMBERE NO  
KOROHEREZA ISHORAMARI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,  
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE  
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI  
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU  
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U  
RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 11  
Gashyantare 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u  
Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk’uko  
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo  
zaryo, iya 29, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92,  
iya 93, iya 108 n’iya 201;

Ishingiye ku Isezerano ryerekeye ikemurwa  
ry’impaka zivuka hagati ya za Leta  
n’abavamahanga ku byerekeye ishorwa ry’imari  
mu gihugu ryashyiriweho umukono i Washington  
ku wa 18 Werurwe 1965, ryemejwe n’itegeko n°  
01/82 ryo ku wa 26 Mutarama 1982;

**LAW N° 06/2015 OF 28/03/2015 RELATING  
TO INVESTMENT PROMOTION AND  
FACILITATION**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND  
WE SANCTION, PROMULGATE THE  
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE  
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE  
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 11  
February 2015;

Pursuant to the Constitution of the Republic of  
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,  
especially in articles 29, 62, 66, 67, 90, 92, 93,  
108 and 201;

Pursuant to the Convention on the Settlement of  
Investment Disputes between States and Nationals  
of Other States adopted in Washington on 18  
March 1965 as ratified by Law n° 01/82 of 26  
January 1982;

**LOI N° 06/2015 DU 28/03/2015 PORTANT  
PROMOTION ET FACILITATION DES  
INVESTISSEMENTS**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA  
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET  
ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIEE  
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA  
REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 11  
février 2015;

Vu la Constitution de la République du Rwanda  
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,  
spécialement en ses articles 29, 62, 66, 67, 90,  
92, 93,108 et 201;

Vu la Convention pour le règlement des  
différends relatifs aux investissements entre  
Etats et ressortissants d’autres Etats adoptée à  
Washington le 18 mars 1965 telle que ratifiée  
par la Loi n° 01/82 du 26 janvier 1982;

**Official Gazette n° Special of 27/05/2015**

Ishingiye ku Masezerano y'isoko rusange rihuriweho n'Afurika y'i Burasirazuba n'Afurika y'Amajyepfo, yashyiriweho umukono i Kampala muri Repubulika ya Uganda ku wa 5 Ugushyango 1993, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 004/94 ryo kuwa 1/12/1994;

Ishingiye ku Masezerano yerekeye iyinjizwa rya Repubulika y'u Rwanda mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba, yashyiriweho umukono i Kampala muri Uganda ku wa 18 Kamena 2007, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 24/01 ryo kuwa 28/06/2007;

Isubiye ku Itegeko n° 26/2005 ryo kuwa 17/12/2005 rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari n'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga;

Pursuant to the Treaty Establishing the Common Market for Eastern and Southern Africa (COMESA) adopted in Kampala, Uganda on 5 November 1993 as ratified by the Presidential Order n° 004/94 of 1/12/1994;

Pursuant to the Treaty of Accession of the Republic of Rwanda to the East African Community, signed in Kampala, Uganda on 18 June 2007 as ratified by the Presidential Order n° 24/01 of 28/06/2007;

Having reviewed Law n° 26/2005 of 17/12/2005 relating to investment and export promotion and facilitation;

Vu le Traité portant création du Marché commun de l'Afrique de l'Est et de l'Afrique australe (COMESA) adopté à Kampala, Ouganda le 5 novembre 1993 tel que ratifié par Arrêté Présidentiel n° 004/94 du 1/12/1994 ;

Vu le Traité relatif à l'adhésion de la République du Rwanda à la Communauté est-africaine signé à Kampala en Ouganda le 18 juin 2007 tel que ratifié par Arrêté Présidentiel n° 24/01 du 28/06/2007;

Revu la Loi n° 26/2005 du 17/12/2005 portant promotion et facilitation des investissements et des exportations;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari mu Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this law**

The purpose of this Law is to promote and facilitate investment in Rwanda.

**Article 2: Definitions of terms**

As used in this law, the following terms shall have the meanings ascribed to them below:

**ADOPTTE :**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi a pour objet la promotion et la facilitation de l'investissement au Rwanda.

**Article 2: Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

- 1° **ahantu hatunganyirizwa ibyoherezwa mu mahanga:** ahantu hagenwe hatunganyirizwa ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga, harinzwe kandi ibihatunganyirizwa byose bikurikiranwa;
- 1° **export processing zone (EPZ):** a protected area used for processing goods that are subject to control for export purposes;
- 1° **zone franche d'exportation :** espace protégé destiné à la transformation des marchandises soumises au contrôle à des fins d'exportation ;
- 2° **ibikorwa by'ikigo bikorwa n'ikindi kigo:** amasezerano ikigo kiri hanze y'u Rwanda kigirana n'ikigo kiri mu Rwanda kugira ngo kigikorere bimwe mu bikorwa byacyo;
- 2° **business process outsourcing:** an agreement by which a foreign company outsources the implementation of some of its business functions to an enterprise in Rwanda;
- 2° **externalisation des processus d'affaires:** accord par lequel une entreprise étrangère externalise la réalisation de certaines de ses activités à une entreprise au Rwanda;
- 3° **ibikorwa by'ubucuruzi mpuzamahanga:** imicungire y'ibikorwa by'ubucuruzi ndengamipaka bikorerwa abakiliya bo mu mahanga;
- 3° **global business activities:** management of transactions across borders for foreign-based clients;
- 3° **activités commerciales mondiales:** gestion des transactions transfrontalières pour le compte des clients basés à l'étranger;
- 4° **icyemezo cy'ishoramari:** inyandiko urwego ruha umushoramari wujuje ibiteganywa n'iri tegeko. Iyo nyandiko isobanura ku buryo bwumvikana, iyoherezwa umushoramari afitiye uburenganzira hakurikijwe ishoramari rye;
- 4° **investment certificate:** a document that the Board issues to an investor who fulfils the requirements set out in this law. The document clearly describes the facilitations the investor is entitled to depending on the investment made;
- 4° **certificat d'investissement:** document délivré par l'Office à l'investisseur qui remplit les conditions prévues par la présente loi. Ce document décrit d'une façon précise les facilitations auxquelles l'investisseur a droit en fonction de son investissement;
- 5° **icyicaro cy'Akarere :** ahantu mu Rwanda isosiyete mpuzamahanga yimuriye ubuyobozi bukuru bwayo bwo mu Karere n'ihuzabikorwa ry'imirimo yayo y'ingenzi yo mu Karere;
- 5° **regional office:** a place in Rwanda where an international company has relocated its regional general management and the coordination of its main operational activities in the region;
- 5° **bureau régional :** endroit au Rwanda où une société internationale a transféré sa direction générale régionale et la coordination de ses principales activités dans la région;
- 6° **icyicaro gikuru :** ahantu mu Rwanda isosiyete mpuzamahanga yimuriye ubuyobozi bukuru bwayo n'ihuzabikorwa ry'imirimo yayo y'ingenzi;
- 6° **headquarters:** a place in Rwanda where an international company has relocated its general management and the coordination of its main operational activities ;
- 6° **siège:** endroit au Rwanda où une société internationale a transféré sa direction générale et la coordination de ses principales activités ;

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

- 7° **igikorwa gishishikariza:** igikorwa cyose kijyanye cyangwa kitajyanye n'imisoro kigenerwa umushoramari hagamijwe korohereza no gushyigikira ishoramari;
- 7° **incentive:** any tax or non-tax inducement extended to an investor to facilitate and support investment;
- 7° **mesure incitative:** tout avantage fiscal ou non fiscal réservé à un investisseur pour faciliter ou soutenir l'investissement;
- 8° **igishoro:** igishowe icyo ari cyo cyose, cyaba umutungo ufatika cyangwa udafatika, hagamijwe ishoramari;
- 8° **capital:** any wealth in the form of tangible or intangible assets used for investment purposes;
- 8° **capital:** tout patrimoine sous forme d'actifs corporels ou incorporels utilisé à des fins d'investissement;
- 9° **ikigega cy'imari gihuriweho:** ishoramari rihuriweho ricungwa mu buryo bw'ubunyamwuga aho abashoramari benshi bashyira amafaranga hamwe hagamijwe kugura ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane;
- 9° **mutual fund:** a professionally managed fund which pools money collected from many investors for the purpose of purchasing securities;
- 9° **fonds commun:** placement collectif géré de façon professionnelle où plusieurs investisseurs mettent leurs fonds en commun pour acquérir des titres;
- 10° **ikigo cy'ishoramari:** Ikigo gikoresha umutungo ufatika cyangwa udafatika hagamijwe kuwubyaza inyungu hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;
- 10° **investment enterprise:** an enterprise using tangible or intangible assets for profit-making purposes in accordance with the provisions of this law;
- 10° **entreprise d'investissement:** entreprise procédant à l'utilisation des actifs corporels ou incorporels à des fins commerciales conformément aux dispositions de la présente loi;
- 11° **imari bwite:** amafaranga y'umushoramari wemewe n'urwego rubifitiye ububasha, ashora mu isosiyete idahamagarira rubanda kuguramo imigabane bikamuha ububasha ku igenzura no guhabwa inyungu nk'umunyamigabane;
- 11° **private equity:** funds invested in a private company by an investor approved by the competent authority in order to acquire controlling rights and receive dividends as a shareholder;
- 11° **fonds propres:** fonds investis par un investisseur agréé par l'autorité compétente dans une société privée pour acquérir un droit au contrôle et aux dividendes en tant qu'actionnaire;
- 12° **imicungire y'ibigega by'imari:** serivisi itanzwe n'umunyamwuga mu by'imari abyemerewe n'urwego rubifitiye ububasha, agamije kugera ku ntego z'abakiliya, babyaza inyungu amafaranga yabo;
- 12° **fund management:** a service provided by a financial professional authorized by the competent authority in order to attain goals set by the clients by optimizing the profitability of their funds;
- 12° **gestion de fonds:** service fourni par un professionnel financier agréé par l'autorité compétente afin d'atteindre les objectifs fixés par les clients en optimisant la rentabilité de leurs fonds;



*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

- 13° imicungire y'ubukungu buhanitse:** serivisi zijyanye n'ishoramari n'ubujyanama zitangwa n'inzobere ku ishoramari ry'abaherwe hagamijwe kubona umusaruro munini ushoboka;
- 13° wealth management:** investment and advisory services provided by investment professionals to high-net-worth individuals with the aim of maximizing returns;
- 13° gestion optimale du patrimoine:** service de placement et de conseil en placement fourni aux particuliers à valeur nette élevée par des professionnels en placement afin de maximiser les bénéfices;
- 14° inyandiko z'agaciro zishingiwe:** inyandiko z'agaciro zifite ibizikomokaho bishamikiye ku mitungo, bikoreshwa mu kwishyura;
- 14° asset-backed securities:** financial securities whose accessories derived from assets are used for payment;
- 14° titres adossés à des actifs:** titres financiers dont les accessoires dérivant du patrimoine sont utilisés pour le paiement;
- 15° inyongeragaciro:** guhindura ikintu hagamijwe kucyongerera agaciro kangana nibura na mirongo itatu na gatanu ku ijana (35%) nk'uko bisobanurwa n'amabwiriza y'inkomoko y'ibikorwa mu nganda;
- 15° value addition:** product processing which increases its value by at least thirty-five per cent (35%) as defined by the rules of origin in terms of manufacturing;
- 15° création de valeur ajoutée:** transformation du produit pour augmenter sa valeur de trente-cinq pour cent (35%) au moins tel que défini par les règles d'origine en matière de fabrication;
- 16° ishoramari:** ikoreshwa ry'umutungo ufatika cyangwa udafatika hagamijwe kuwubyaaza inyungu hatabariwemo ibikorwa byo kugura no kugurisha;
- 16° investment:** use of tangible or intangible assets for profit-making purposes with the exception of all retail and wholesale trade;
- 16° investissement :** utilisation des fonds corporels ou incorporels à des fins lucratives sans compter les opérations de commerce de détail et de gros;
- 17° ishoramari rikomatanyije:** uburyo abashoramari benshi bishyira hamwe, bagakorera hamwe, hagamijwe inyungu rusange zabo no kugabanya uburyozwe;
- 17° collective investment scheme:** an arrangement in which several investors form a group and work together for the purpose of improving their common interest and reducing risk;
- 17° régime d'investissement collectif:** arrangement en vertu duquel plusieurs investisseurs se regroupent et travaillent ensemble en vue de promouvoir leur intérêt commun et de réduire le risque;
- 18° ishyingu ry'ishoramari:** amafaranga atanzwe n'umushoramari ubyemerewe mu gutangiza isosiyeti ivuka, isosiyeti itaguza cyangwa isosiyete igeze mu kwagura ibikorwa by'ubucuruzi mu rundi rwego rushya kandi hari amahirwe yo kugera ku musaruro nyuma y'igihe kirekire;
- 18° venture capital:** money provided by an investor in the launch of a start-up company, a company in its infancy stage or one which is expanding into a new field of business activities with perceived long- term growth potential;
- 18° capital à risque:** argent fourni par un investisseur dans le lancement d'une société naissante, une société à ses balbutiements ou en extension dans un nouveau domaine d'activités commerciales avec un rendement potentiel à long terme;

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

- 19° isosiyete mpuzamahanga:** isosiyete y'ubucuruzi ifite cyangwa igenzura ahakorerwa ibikorwa cyangwa serivisi mu gihugu kimwe cyangwa byinshi hanze y'igihugu ikomokamo;
- 19° international company :** a business company that owns or controls production or service facilities in one or more countries besides the home country ;
- 19° société internationale:** société commerciale qui possède ou contrôle les sites de production de biens ou de services dans un ou plusieurs pays autre que le pays d'origine ;
- 20° kohereza mu mahanga:** gukora ubucuruzi bw'ibintu na serivisi hanze y'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba;
- 20° export:** selling goods and services outside member countries of the East African Community;
- 20° exportation:** commercialisation des biens et services à l'extérieur des pays membres de la Communauté de l'Afrique de l'Est;
- 21° ubwishingizi bushingiye ku buryozwe bwo hanze:** ubwishingizi bw'isosiyete y'ubucuruzi ikorera mu Rwanda, bushingiye gusa ku buryozwe bwo hanze y'u Rwanda, bubaye ku isosiyete y'ubucuruzi iyo mu Rwanda ishingiyeho;
- 21° captive insurance scheme:** insurance taken out by a business company in Rwanda that is restricted exclusively to risks emanating from outside Rwanda in connection with a company to which a company in Rwanda is affiliated;
- 21° régime d'assurance captive:** assurance souscrite par une société commerciale au Rwanda strictement limitée aux risques situés à l'extérieur du Rwanda en faveur d'une société à laquelle celle se trouvant au Rwanda est affiliée;
- 22° umushoramari:** umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi bashora imari mu kigo cy'ishoramari mu Rwanda;
- 22° investor:** natural or legal person that invests in an investment enterprise in Rwanda;
- 22° investisseur:** personne physique ou morale qui investit dans une entreprise d'investissement au Rwanda;
- 23° umushoramari wanditse:** umushoramari ufite icyemezo cy'ishoramari;
- 23° registered investor:** an investor who holds an investment certificate;
- 23° investisseur enregistré:** investisseur détenteur d'un certificat d'investissement;
- 24° umushoramari w'umunyamahanga:**
- 24° foreign investor:**
- 24° investisseur étranger:**
- a. umuntu ku giti cye utari umunyarwanda, udakomoka mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) cyangwa mu Muryango w'Ubufuraha bw'Ibihugu bya Afurika y'Amajyepfo n'iby'Iburasirazuba (COMESA);
- a. a natural person who is not a citizen of Rwanda or of a member State of the East African Community (EAC) or the Common Market for Eastern and Southern Africa (COMESA);
- a. une personne physique qui n'est pas citoyen du Rwanda ou d'un Etat membre de la Communauté de l'Afrique de l'Est (EAC) ou du Marché Commun de l'Afrique Orientale et Australe (COMESA) ;
- b. isosiyete y'ubucuruzi cyangwa isosiyete
- b. a business company or a partnership not
- b. une société commerciale ou une société

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

y'abantu bafatanyije itanditswe mu Rwanda, mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) cyangwa mu Muryango w'Ubufahirane bw'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo n'iby'Iburasirazuba (COMESA);

- c. isosiyete y'ubucuruzi cyangwa isosiyete y'abantu bafatanyije yanditswe mu Rwanda, yashoye imari ihwanye nibura na mirongo itanu na rimwe ku ijana (51%) mu mutungo shingiro uva mu mahanga mu bihugu bitari ibigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) cyangwa mu Muryango w'Ubufahirane bw'Ibihugu bya Afurika y'Amajyepfo n'iby'Iburasirazuba (COMESA);

**25° Urwego:** urwego rufite mu nshingano zarwo guteza imbere ishoramari mu Rwanda;

**26° urwego rubifitiye ububasha:** urwego rwa Leta urwo ari rwo rwose rubifite mu nshingano.

**UMUTWE WA II: IBYO UMUSHORAMARI YEMERWE**

**Ingingo ya 3: Ishoramari rifunguye**

Umushoramari wese yemerewe gushora imari ye mu Rwanda mu bucuruzi ubwo ari bwo bwose hatitawe ku gihugu akomokamo.

Icyakora, umushoramari ashishikarizwa gushora

registered in Rwanda, a member state of the East African Community (EAC) or Common Market for Eastern and Southern Africa (COMESA);

- c. a business company or a partnership registered in Rwanda whose foreign capital from countries other than East African Community (EAC) or Common Market for Eastern and Southern Africa (COMESA) member States is at least fifty-one percent (51%) of the invested capital;

**25° Board:** organ in charge of investment promotion in Rwanda;

**26° competent authority:** any competent public organ.

**CHAPTER II: GUARANTEES TO THE INVESTOR**

**Article 3: Openness to investment**

All business sectors shall be open to private investment regardless of the origin of the investor.

However, an investor shall be encouraged to

de personnes non enregistrée au Rwanda, dans un Etat membre de la Communauté de l'Afrique de l'Est (EAC) ou du Marché Commun des Etats de l'Afrique Orientale et Australe (COMESA);

- c. une société commerciale ou une société de personnes enregistrée au Rwanda investissant au minimum cinquante et un pourcent (51%) du capital étranger provenant des Etats non membres de la Communauté de l'Afrique de l'Est (EAC) ou du Marché Commun de l'Afrique Orientale et Australe (COMESA);

**25° Office:** organe ayant la promotion des investissements au Rwanda dans ses attributions;

**26° autorité compétente:** tout organe public compétent.

**CHAPITRE II: GARANTIES A UN INVESTISSEUR**

**Article 3: Ouverture à l'investissement**

Tout investisseur est autorisé à investir dans n'importe quelle activité commerciale quelle que soit son origine.

Toutefois, un investisseur est encouragé à

**Official Gazette n° Special of 27/05/2015**

imari mu byiciro by'ubukungu bigomba kwitabwaho mbere y'ibindi.	invest in priority economic sectors.	investir dans les secteurs économiques prioritaires.
Ibyo byiciro ni ibi bikurikira:	Such sectors are the following:	Ces secteurs sont les suivants:
1° kohereza ibicuruzwa mu mahanga;	1° export;	1° exportation;
2° gutunganya ibikorera mu nganda;	2° industrial manufacturing;	2° fabrication industrielle;
3° gushora imari mu bijyanye n'ingufu, ubwikorezi, ikoranabuhanga n'itumanaho, serivisi zishingiye ku mafaranga n'ubwubatsi bw'amazu y'amacumbi aciriritse.	3° investment in the sector of energy, transport, information and communication technologies, financial services and construction of low-cost housing.	3° investissement dans le secteur d'énergie, transport, technologies de l'information et de la communication, services financiers et la construction de logements à loyer modéré.

Iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze rishobora kugena ibindi byiciro by'ubukungu bigomba kwitabwaho mbere y'ibindi, bibaye ngombwa.

An Order of the Minister in charge of finance may establish other priority sectors, if deemed necessary.

Un arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions peut, si nécessaire, déterminer d'autres secteurs prioritaires.

**Ingingo ya 4: Iyemerewe umushoramari**

**Article 4: Investor rights**

**Article 4: Droits de l'investisseur**

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, umushoramari wese yemerewe ibi bikurikira:	Without prejudice to the provisions of other laws, an investor shall have the following rights:	Sans préjudice des dispositions d'autres lois, un investisseur a les droits suivants:
1° kujya mu bikorwa by'ubukungu yihitiyemo;	1° to engage in economic activities of his/her choice;	1° investir dans les activités économiques de son choix;
2° gutanga akazi cyangwa guhagarika abakozi;	2° to recruit or dismiss employees;	2° recruter ou licencier le personnel ;
3° kwamamaza ibicuruzwa na serivisi;	3° to market goods and services;	3° faire le marketing des biens et des services;
4° gushyiraho mu bwisanzure uburyo	4° to freely establish business management	4° mettre librement en place des méthodes

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

bw'imicungire y'ubucuruzi bwe;

5° kwihitiramo aho atumiza ibicuruzwa;

6° gukoresha umutungo mu bwisanzure.

methods;

5° to freely choose sources of supplies;

6° to freely use property.

de gestion de son commerce;

5° choisir librement les sources d'approvisionnement;

6° utiliser librement les biens.

Umushomari wanditse wujuje ibisabwa, yemerewe kandi ibikorwa bishishikariza ishoramari bidasanzwe biteganywa mu mugereka w'iri tegeko.

A registered investor meeting required conditions shall also be entitled to special incentives as provided for in the annex to this Law.

Un investisseur enregistré remplissant les conditions requises bénéficie également des mesures incitatives spéciales prévues dans l'annexe à la présente loi.

**Ingingo ya 5: Uko umushoramari w'umunyamahanga afatwa mu gihugu**

**Article 5: Foreign investor treatment**

**Article 5: Traitement d'un investisseur étranger**

Umushoramari w'umunyamahanga ashobora gushora imari no kugura imigabane mu gikorwa cy'ishoramari mu Rwanda kandi agafatwa kimwe n'umushoramari w'Umunyarwanda ku bijyanye n'ibyemezo bishishikariza ishoramari no koroherezwa mu ishoramari.

A foreign investor may invest and purchase shares in an investment enterprise in Rwanda and shall be given equal treatment with Rwandan investors with regard to incentives and investment facilitation.

Un investisseur étranger peut investir et acquérir des actions dans une entreprise de commerce au Rwanda et bénéficie du même traitement qu'un investisseur rwandais en ce qui concerne les mesures incitatives et de facilitation.

**Ingingo ya 6: Kurengera igishoro n'umutungo by'umushoramari**

**Article 6: Protection of the investor's capital and assets**

**Article 6: Protection du capital et du patrimoine de l'investisseur**

Umushoramari afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cy'e cyangwa awufatanyije n'abandi. Umutungo bwite w'umushoramari cyangwa uwo afatanyije n'abandi ni ntavogerwa.

An investor shall have the right to own private property, whether individually or in association with others. Private property, whether individually or collectively owned, shall be inviolable.

L'investisseur a droit à la propriété privée, qu'elle soit individuelle ou collective. La propriété privée, individuelle ou collective est inviolable.

Ishoramari, inyungu cyangwa uburenganzira ku mutungo ugize ishoramari ntibishobora gufatirwa cyangwa kunyagwa, keretse mu buryo buteganywa n'amategeko abigenga.

No investment, interest in or right over any property forming part of such investment shall be seized or confiscated except where provided under relevant laws.

Aucun investissement, intérêt ou droit en rapport avec une quelconque propriété faisant partie de cet investissement ne peut faire l'objet de saisie ou de confiscation, sauf dans les cas prévus par les lois en la matière.

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

Umushoramari ntashobora kandi kwimurwa mu mutungo we w'ishoramari, keretse ku mpamvu z'inyungu rusange abanje guhabwa indishyi ikwiye nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.

**Ingingo ya 7: Kurengera uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge by'umushoramari**

Uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge n'uburenganzira ku ihererekanyabumenyi by'umushoramari birengerwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 8: Gusohora mu gihugu igishoro n'umutungo**

Nyuma yo kubahiriza inshingano zose z'imisoro mu Rwanda, umushoramari yemerewe gusohora mu gihugu ibintu bikurikira:

- 1° igishoro;
- 2° inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi;
- 3° umwenda shingiro n'inyungu ku nguzanyo yo hanze;
- 4° ibikomoka ku iseswa ry'igikorwa cy'ishoramari;
- 5° undi mutungo w'umushoramari.

No action to expropriate an investor's property in public interest shall be taken, unless the investor is given fair compensation in accordance with relevant laws.

**Article 7: Protection of intellectual property rights in relation to investment**

The investor's intellectual property rights and legitimate rights related to technology transfer shall be guaranteed in accordance with relevant laws.

**Article 8: Repatriation of capital and assets**

Upon fulfilling all tax obligations in Rwanda, an investor shall be allowed to repatriate the following:

- 1° capital;
- 2° profits derived from business activities;
- 3° debt and interest on foreign loans;
- 4° proceeds from the liquidation of investment;
- 5° any other assets of an investor.

Un investisseur ne peut être exproprié que pour cause d'utilité publique et à moins qu'une juste indemnisation lui ait été versée conformément aux lois en la matière.

**Article 7: Protection du droit à la propriété intellectuelle en matière d'investissement**

Le droit à la propriété intellectuelle de l'investisseur et les droits légitimes sur le transfert de la technologie sont garantis conformément aux lois en la matière.

**Article 8: Rapatriement du capital et du patrimoine**

Après l'accomplissement de toutes les obligations fiscales au Rwanda, un investisseur a le droit de rapatrier ce qui suit:

- 1° le capital;
- 2° les profits découlant de ses activités commerciales;
- 3° le principal et tout intérêt sur le prêt étranger;
- 4° le produit de la liquidation de l'investissement;
- 5° tout autre patrimoine appartenant à l'investisseur.

**Ingingo ya 9: Gukemura impaka**

Iyo impaka zivutse hagati y'umushoramari na rumwe cyangwa nyinshi mu nzego za Leta, ku birebana n'ishoramari ryanditse zikemurwa mu bwumvikane.

Iyo impaka zidakemutse mu bwumvikane, impande zombi ziyambaza ikigo cy'ubukemurampaka cyumvikanyeho mu masezerano yanditse zagiranye.

Iyo nta buryo bwo gukemura impaka bwumvikanyeho mu masezerano yanditse, impande zombi ziyambaza urukiko rubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA III: KWANDIKISHA ISHORAMARI**

**Ingingo ya 10: Uko iyandikwa rikorwa**

Umushoramari yuzuza inyandiko yabugenewe igaragaza umwironoro n'andi makuru akenewe iteganywa n'Urwego kugira ngo ahabwe icyemezo cy'ishoramari kimuhesha uburenganzira ku bikorwa bishishikariza ishoramari kivugwa muri iri tegeko.

Usaba atanga amafaranga yo kwiyandikisha adasubizwa ashirwaho n'amabwiriza y'umuyobozi w'Urwego.

**Article 9: Dispute settlement**

Any dispute arising between a foreign investor and one or more public organs in connection with a registered investment enterprise shall be amicably settled.

When an amicable settlement cannot be reached, parties shall refer the dispute to an arbitration agency as agreed upon in a written agreement between both parties.

Where no arbitration procedure is provided under a written agreement, both parties shall refer the matter to the competent court.

**CHAPTER III: INVESTMENT REGISTRATION**

**Article 10: Registration procedure**

For an investor to be issued an investment certificate determined by the Board in order to qualify for the incentives provided for by this Law, he/she shall fill out an appropriate form indicating his/her identity and any other necessary details.

The applicant shall pay a non-refundable registration fee determined by the regulations of the head of the Board.

**Article 9: Règlement des différends**

Tout différend naissant entre un investisseur étranger et un ou plusieurs organes publics en rapport avec un investissement enregistré est réglé à l'amiable.

A défaut d'un règlement à l'amiable, les parties renvoient leur différend à l'agence d'arbitrage convenue dans l'accord écrit conclu entre les deux parties.

Si aucune modalité d'arbitrage n'est prévue dans l'accord écrit, les deux parties saisissent la juridiction compétente.

**CHAPITRE III: ENREGISTREMENT D'INVESTISSEMENT**

**Article 10: Procédure d'enregistrement**

Un investisseur remplit un formulaire approprié déterminé par l'Office et contenant son identification et tout autre information nécessaire pour l'obtention du certificat d'investissement prévu par la présente loi afin de son éligibilité aux mesures incitatives.

Le requérant paie les frais d'enregistrement non remboursables déterminés par les règlements du dirigeant de l'Office.

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

**Ingingo ya 11: Ibisabwa mu kwandikisha ishoramari**

Uwandikisha ishoramari agomba gutanga ibi bikurikira:

- 1° icyemezo cy'ubuzimagatozi bw'ikigo kigamije inyungu;
- 2° gahunda y'umushinga w'ishoramari igomba kuba ikubiyemo nibura ibi bikurikira:
  - a) izina n'ibisobanuro ku mushinga ishoramari rikorwamo cyangwa rizakorwamo;
  - b) gahunda y'ibikorwa;
  - c) igihe cyo gutangira ibikorwa;
  - d) ibisobanuro birambuye ku bikoreho fatizo biboneka mu gihugu n'aho ishoramari rikorerwa by'umwihariko;
  - e) ibisobanuro birambuye ku mafaranga cyangwa umutungo bizaturuka mu mahanga bizakorehwa mu ishoramari n'igihe bizatangirira gukorehwa;
  - f) inyigo ku miterere y'isoko;
  - g) ibisobanuro birambuye birebana n'iherekanya ry'ubumenyi biteganywa gukorwa;

**Article 11: Investment registration requirements**

The application for investment registration must be accompanied by the following:

- 1° certificate of legal personality of the business company;
- 2° a business plan which must include at least the following:
  - a) name of the project and detailed information on the project in which investment is or will be made;
  - b) action plan;
  - c) the date of commencement of operations;
  - d) detailed information on any raw materials sourced in the country or in the locality where the investment is operating;
  - e) detailed information on any financing and assets to be sourced from outside Rwanda, including the timeframe in which these finance and assets shall be invested;
  - f) a market survey;
  - g) details of the projected technology and knowledge transfer;

**Article 11: Conditions d'enregistrement d'investissement**

Le demandeur d'enregistrement d'investissement doit présenter ce qui suit :

- 1° une attestation de personnalité juridique de l'entreprise;
- 2° un plan d'affaires qui doit comprendre au moins les éléments suivants:
  - a) le nom du projet et les informations détaillées sur le projet dans lequel l'investissement est ou sera réalisé;
  - b) le plan d'action;
  - c) la date du début des opérations;
  - d) les détails sur des matières premières disponibles dans le pays et dans la localité du site d'investissement;
  - e) les détails sur le financement ou les actifs à investir devant provenir de l'étranger et les délais dans lesquels ce financement et ces actifs doivent être investis;
  - f) une étude de marché;
  - g) les détails sur le transfert prévu de technologie et de connaissances;



**Official Gazette n° Special of 27/05/2015**

h) imbonerahamwe igaragaza mu mibare imikorere y'umushinga mu gihe cy'imyaka itanu (5);	h) a table indicating five-year income projections for the investment project;	h) un tableau indiquant les prévisions de revenus sur cinq (5) ans relatives à la réalisation du projet d'investissement;
3° icyemezo cy'inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije ry'umushinga hakurikijwe amategeko abigenga;	3° the project environmental impact assessment certificate issued in accordance with relevant laws;	3° un certificat d'étude d'impact environnemental pour le projet délivré conformément aux lois en la matière ;
4° umubare w'abakozi bateganyijwe n'ibyiciro by'imirimo izatangwa;	4° projected number of employees and categories of employments;	4° l'effectif des employés prévus et les catégories d'emplois ;
5° inyemezabwishyu y'amafaranga yo kwiwandikisha;	5° proof of payment of registration fee;	5° la preuve de paiement des frais d'enregistrement ;
6° uruhushya rutanze n'urwego ashaka gukoreramo.	6° license granted by the business sector in which he/she intends to operate.	6° une licence octroyée par le secteur d'activité dans lequel il veut opérer.

**Ingingo ya 12: Igihe cyo gutanga icyemezo cy'ishoramari**

Usaba icyemezo cy'ishoramari wujuje ibisabwa mu kwiwandikisha bivugwa mu ngingo ya 10 n'ya 11 z'iri tegeko kandi byemewe n'urwego ashaka gukoreramo, agihabwa mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi uhereye ku munsu Urwego rwakiriye ubusabe bwe.

Iyo ubusabe bwe butemewe Urwego rumuha ibisobanuro mu nyandiko mu gihe kimwe n'ikivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**Article 12: Timeframe for issuance of investment certificate**

The applicant for investment certificate who fulfils registration requirements referred to in Articles 10 and 11 of this Law and approved by the business sector in which he/she intends to operate, shall be issued with an investment certificate within two (2) working days from the date of receipt of the application by the Board.

When the application is rejected, the Board shall notify the applicant in writing of the reasons for rejecting his/her application within the same timeframe as that provided under paragraph one of this Article.

**Article 12: Délai de délivrance du certificat d'investissement**

Le demandeur d'un certificat d'investissement qui remplit les conditions d'enregistrement prévues aux articles 10 et 11 de la présente loi et approuvées par le secteur d'activité dans lequel il veut opérer se voit délivrer ce certificat endéans deux (2) jours ouvrables à compter du jour de la réception de la demande par l'Office.

En cas de rejet de sa demande, l'Office communique par écrit au requérant les motifs de ce rejet dans les mêmes délais que ceux prévus à l'alinéa premier du présent article.

**UMUTWE WA IV: INSHINGANO Z'UMUSHORAMARI WANDITSE**

**Ingingo ya 13: Inshingano z'umushoramari wanditse**

Umushoramari wanditse afite inshingano zikurikira:

- 1° gushyira mu bikorwa umushinga we hakurikijwe iteganyabikorwa yagaragaje asaba icyemezo cy'ishoramari;
- 2° kubika neza ibitabo by'imari n'icungamutungo bijyanye n'umushinga w'ishoramari no guha Urwego kopi ya raporo yemejwe ku mikoreshereze y'imari mu gihe cy'amezi atatu (3) akurikira umwaka w'imari urangiye;
- 3° kubika amakuru arebana n'ibikorwa by'umushinga w'ishoramari mu gihe cy'imyaka itanu (5);
- 4° korohereza abakozi b'Urwego, mu gihe bashyira mu bikorwa inshingano zabo z'ubugenzuzi;
- 5° gusubiza mu gihe kigenwe mu nyandiko y'ubusabe, ikibazo icyo ari cyo cyose abajijwe n'Urwego kirebana n'ibikorwa by'umushinga w'ishoramari;
- 6° kwiyandikisha mu buyobozi bw'imisoro no kumenyekanisha imisoro ku gihe, kabone n'aho

**CHAPTER IV: OBLIGATIONS OF A REGISTERED INVESTOR**

**Article 13: Obligations of a registered investor**

A registered investor shall have the following obligations:

- 1° to implement his/her proposal in accordance with his/her business plan submitted in the application for an investment certificate;
- 2° to properly keep financial and accounting records of the investment enterprise and submit a copy of a certified financial report to the Board within three (3) months following the preceding financial year;
- 3° to keep data relating to operations of the investment enterprise for a period of five (5) years;
- 4° to facilitate employees of the Board in the performance of their monitoring duties;
- 5° to respond in a period prescribed by written notice to any query from the Board in connection with operations of the investment enterprise;
- 6° to register with the tax administration and file timely tax returns even in case of entitlement

**CHAPITRE IV: OBLIGATIONS D'UN INVESTISSEUR ENREGISTRÉ**

**Article 13: Obligations d'un investisseur enregistré**

Un investisseur enregistré a les obligations suivantes:

- 1° exécuter son projet conformément au plan d'affaires présenté lors de la demande du certificat d'investissement ;
- 2° bien tenir les registres financiers et comptables en rapport avec l'entreprise d'investissement et remettre à l'Office une copie du rapport financier certifié dans un délai de trois (3) mois suivant l'année financière écoulée;
- 3° garder les données en rapport avec les activités de l'entreprise d'investissement pour une période de cinq (5) ans;
- 4° faciliter aux employés de l'Office l'accomplissement de leurs attributions de surveillance;
- 5° répondre dans les délais impartis dans un avis écrit à toute demande d'information de la part de l'Office en rapport avec les activités de l'entreprise d'investissement ;
- 6° se faire enregistrer auprès de l'administration fiscale et déposer les déclarations d'impôts

yaba yemerewe kutayitanga.

to tax exemption.

dans les délais prescrits même en cas de jouissance du droit à l'exonération fiscale.

**UMUTWE WA V: URUHARE RW'URWEGO MU GUTEZA IMBERE NO KOROHEREZA ISHORAMARI**

**CHAPTER V: ROLE OF THE BOARD IN INVESTMENT PROMOTION AND FACILITATION**

**CHAPITRE V : ROLE DE L'OFFICE DANS LA PROMOTION ET LA FACILITATION DE L'INVESTISSEMENT**

**Ingingo ya 14: Ibyo Urwego rusabwa gukora**

**Article 14: Duties of the Board**

**Article 14: Devoirs de l'Office**

Mu guteza imbere no korohereza ishoramari Urwego rugomba:

In a bid to promote and facilitate investment, the Board must:

Dans le cadre de la promotion et de la facilitation des investissements, l'Office doit :

- 1° korohereza abashoramari muri ibi bikurikira:
  - a) guhabwa viza n'uruhushya rwo gukora;
  - b) kugezwaho amazi n'amashanyarazi;
  - c) guhabwa uruhushya n'urwego ashaka gukoreramo aho bikenewe;
  - d) guhabwa icyemezo cy'isuzumangaruka ku bidukikije;
  - e) ubundi bufasha bukwiye bwakenerwa bujyanye n'ishoramari bibaye ngombwa;
- 2° gutanga ibikorwa bishishikaza ishoramari;
- 3° gutanga serivisi zihoraho zo korohereza umushoramari mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga;
- 4° kugenzura ku buryo buhoraho ibikorwa by'umushoramari wanditse;
- 5° kubika igitabo cy'ibyemezo byose by'ishoramari, impushya z'akazi, viza, n'izindi nyandiko zijyanye n'umushinga w'ishoramari ryanditse;

- 1° facilitate investors in the following:
  - a) acquiring visas and work permits;
  - b) water and electricity connection;
  - c) being granted a licence by the business sector in which he/she intends to operate, where applicable;
  - d) getting environmental impact assessment certificate;
  - e) any other appropriate investment-related support that may be required;
- 2° provide investment incentives;
- 3° ensure day-to-day facilitation to an investor in the implementation of his/her project;
- 4° ensure daily monitoring of registered investor's operations;
- 5° keep all records related to investment certificates, work permits, visas and any other documents pertaining to the registered investment enterprise;

- 1° faciliter les investisseurs dans ce qui suit:
  - a) l'obtention des visas et des permis de travail ;
  - b) le raccordement à l'eau et à l'électricité ;
  - c) l'obtention d'une licence délivrée par le secteur d'activité dans lequel il veut opérer, le cas échéant;
  - d) l'obtention d'un certificat d'étude d'impact environnemental ;
  - e) toute autre assistance appropriée qui s'avérerait nécessaire en matière d'investissement;
- 2° accorder des mesures incitatives;
- 3° assurer le service quotidien facilitant l'investisseur dans la mise en œuvre de son projet;
- 4° faire le suivi quotidien des activités d'un investisseur enregistré;
- 5° tenir le registre de tous les certificats d'investissement, permis de travail, visas et tout autre document relatif au projet d'investissement enregistré;

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

- |   |  |   |
|---|--|---|
| 6° gukurikirana imishinga y'ishoramari kugira ngo ibikorwa bishishikariza ishoramari bigenerwe imishinga ikomeza kubahiriza ibisabwa ndetse n'ibyo umushoramari yiyemeje; | 6° carry out monitoring of investment projects in order to ensure that investment incentives are directed to the projects which adhere to the requirements and the investor's submitted business plan; | 6° faire le suivi des projets d'investissement afin de s'assurer que les mesures incitatives sont orientées aux projets respectant les conditions requises et le plan d'affaires soumis par l'investisseur; |
| 7° gufasha gukemura impaka mu bwumvikane zivutse hagati y'umushoramari na rumwe cyangwa nyinshi mu nzego za Leta;   | 7° facilitate amicable settlement of disputes that may arise between an investor and one or more public organs;  | 7° contribuer à résoudre à l'amiable des différends éventuels entre un investisseur et un ou plusieurs organes de l'Etat;   |
| 8° guhagararira Guverinoma mu mishyikirano yerekeye amasezerano y'ishoramari;   | 8° represent the Government in negotiating investment agreements;  | 8° représenter le Gouvernement lors des négociations relatives aux accords d'investissement ;   |
| 9° kudatangaza amakuru y'ibanga atanzwe n'umushoramari.   | 9° not to disclose confidential information provided by an investor.   | 9° ne pas divulguer les informations confidentielles fournies par un investisseur.  |

**UMUTWE WA VI: GUHINDURA, GUHAGARIKA BY'AGATEGANYO CYANGWA BURUNDU IBIKORWA BY'ISHORAMARI**

**CHAPTER VI: CHANGE, SUSPENSION OR TERMINATION OF INVESTMENT OPERATIONS**

**CHAPITRE VI: CHANGEMENT, SUSPENSION OU CESSATION D'ACTIVITES D'INVESTISSEMENT**

**Ingingo ya 15: Kumenyesha Urwego impinduka n'ihagarika by'ibikorwa by'ishoramari**

**Article 15: Notification to the Board of change and termination of investment operations**

**Article 15: Notification à l'Office du changement et de la cessation d'activités d'investissement**

Umushoramari wanditse amenyesha Urwego mu nyandiko mu gihe cy'iminsi mironko itatu (30) mbere y'uko:

A registered investor shall, within a period not exceeding thirty (30) days, inform the Board in writing before :

Un investisseur enregistré informe l'office par écrit dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours avant de :

- 1° ahindura imiterere y'ibikorwa by'ishoramari;

- 1° changing the nature of investment operations;

- 1° changer la nature des activités d'investissement ;

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

2° ahagarika by'agateganyo ibikorwa by'ishoramari kandi akagaragaza igihe iryo hagarika rizamara;

3° ahagarika burundu ibikorwa by'ishoramari.

2° suspending investment operations. In this case, the investor shall also indicate the duration of the suspension;

3° terminating investment operations.

2° suspendre les activités d'investissement, tout en indiquant la durée de la suspension ;

3° cesser les activités d'investissement.

**Ingingo ya 16: Kumenyesha Urwego bikozwe n'undi muntu**

Umuntu wese utari umushoramari wanditse, ubifitemo inyungu, ugizweho ingaruka ry'ihagarikwa ry'agateganyo cyangwa rya burundu ry'ibikorwa by'ishoramari ryanditse, ashobora kubimenyesha Urwego.

**Ingingo ya 17: Ibyo urwego rukora nyuma yo kumenyeshwa ihinduka ry'ibikorwa by'ishoramari**

Iyo impinduka zimenyekanishijwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, kandi bitabangamiye ishoramari n'ibigenderwaho kugira ngo umushoramari agenerwe ibikorwa bishishikariza ishoramari, Urwego ruvugurura icyemezo cy'ishoramari hagaragazwa impinduka zimenyeshajwe zihindura ku buryo bufatika ibyo umushoramari aba yariyemeje gukora nk'uko biteganywa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko.

Iyo impinduka mu miterere y'ibikorwa by'ishoramari, idahindura ku buryo bufatika ibyo umushoramari aba yariyemeje, byandikwa gusa mu gitabo cyabugenewe.

**Article 16: Notification to the Board by a third party**

Any interested person other than the registered investor, who is affected by the suspension or termination of investment operations, may inform the Board.

**Article 17: Measures taken by the Board after notification of change of investment operations**

Where notification of changes is made in accordance with the provisions of this Law, and such changes materially alter the investment in accordance with Article 11 of this Law but are not detrimental to the investment and criteria for investment incentives qualification, the Board shall amend the investment certificate to reflect such notified changes.

Where changes in the nature of operations do not materially alter the commitments made by an investor, they shall only be recorded in the investor's file.

**Article 16: Notification à l'Office par une tierce personne**

Toute personne intéressée autre que l'investisseur enregistré, préjudiciée par la suspension ou la cessation enregistrée des activités d'investissement, peut en informer l'Office.

**Article 17: Mesures prises par l'Office après notification de changement d'activités d'investissement**

Lorsque la notification des changements est faite conformément aux dispositions de la présente loi et que cela n'est pas préjudiciable à l'investissement et aux critères d'éligibilité pour les mesures incitatives à l'investissement, l'Office révisé le certificat d'investissement tout en indiquant les changements notifiés affectant substantiellement les engagements de l'investisseur conformément à l'article 11 de la présente loi.

Lorsque les changements de la nature d'investissement n'affectent pas substantiellement les engagements de l'investisseur, ces changements sont enregistrés dans le dossier de l'investisseur.

**UMUTWE WA VII: GUTESHA AGACIRO ICYEMEZO CY'ISHORAMARI**

**Ingingo 18: Impamvu zo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari**

Icyemezo cy'ishoramari gishobora guteshwa agaciro ku mpamvu zikurikira:

- 1° iyo cyatanzwe hashingiwe ku byatangajwe n'umushoramari by'ibinyoma cyangwa uburiganya ;
- 2° iyo habaye impinduka mu bikorwa by'ishoramari ku buryo bufatika kandi bibangamiye ishoramari ;
- 3° iyo umushoramari adashoboye kurangiza inshingano zikubiye muri iri tegeko.

**Ingingo 19: Ingaruka zo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari**

Iyo icyemezo cy'ishoramari giteshejwe agaciro hashingiwe ku mpamvu ivugwa mu ngingo ya 18, agace ka 1°, uwari wagihawe yishyura agaciro gahwanye n'ibikorwa bishishikariza ishoramari yari yaragenewe nk'umushoramari wanditse.

**CHAPTER VII: CANCELLATION OF AN INVESTMENT CERTIFICATE**

**Article 18: Grounds for cancellation of an investment certificate**

An investment certificate may be cancelled on the following grounds:

- 1° it was issued on the basis of false or fraudulent declarations of an investor;
- 2° material changes detrimental to investment occurred in investment operations;
- 3° the investor fails to fulfil obligations under this Law.

**Article 19: Effects of revocation of investment certificate**

Where an investment certificate is cancelled because it was issued on the basis referred to in Article 18, Sub Paragraph 1°, the investor shall be liable to refund an amount equivalent to the incentives he/she was given in his/her capacity as a registered investor.

**CHAPITRE VII: ANNULATION DU CERTIFICAT D'INVESTISSEMENT**

**Article 18: Causes d'annulation du certificat d'investissement**

Un certificat d'investissement peut être annulé pour les raisons suivantes:

- 1° il a été délivré sur base des déclarations fausses ou frauduleuses d'un investisseur ;
- 2° il s'est produit des changements importants dans les activités d'investissement préjudiciables à l'investissement ;
- 3° l'investisseur ne parvient pas à s'acquitter de ses obligations prévues par la présente loi.

**Article 19: Effets d'annulation d'un certificat d'investissement**

Lorsqu'un certificat d'investissement est annulé parce qu'il a été délivré sur base des causes visées à l'article 18, point 1°, l'investisseur est tenu de rembourser tout le montant des mesures incitatives dont il a bénéficié en qualité d'investisseur enregistré.

**Ingingo ya 20: Uko gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari bikorwa**

Mbere y'uko icyemezo cy'ishoramari gitashwa agaciro, Urwego rwandikira umushoramari rumumenyeshya impamvu, rukanamusaba gutanga ibisobanuro kuri izo mpamvu.

Umushoramari wanditse agomba gutanga ibisobanuro mu nyandiko mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi uherye ku muni aboneyeho ubusaba bw'Urwego.

Iyo umushoramari adatanze ibisobanuro mu gihe cyagenwe, cyangwa Urwego rutanyuzwe n'ibisobanuro byatanzwe, rutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari.

**Ingingo ya 21: Kujuririra icyemezo cyo gutesha agaciro icyemezo cy'ishoramari**

Mu gihe umushoramari atanyuzwe n'icyemezo cyafashwe ashobora kujuririra Umuyobozi w'Urwego mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi uherye ku muni yakimenyesherejweho.

Umuyobozi w'Urwego agomba gufata icyemezo ku bujirire mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi uherye umuni ubujirire bwakiriweho.

**Article 20: Procedures of cancelling the investment certificate**

Prior to cancelling the investment certificate, the Board shall issue a written notice to the investor providing details of grounds for the proposed cancellation and requesting the investor to provide appropriate explanations on these grounds.

The registered investor shall provide written explanations to the Board within ten (10) working days from the date of receipt of the request from the Board.

Where the investor fails to provide explanations within due time or the Board is not satisfied with the explanations provided, the Board shall cancel the investment certificate.

**Article 21: Appeal for reconsideration of the decision of cancelling an investment certificate**

Where the investor is not satisfied with the decision taken, he/she may appeal against such a decision to the head of the Board within ten (10) working days as of the date of notification of the decision.

The head of the Board shall decide on the appeal within ten (10) working days of the date of appeal.

**Article 20: Procédures d'annulation du certificat d'investissement**

Avant d'annuler le certificat d'investissement, l'Office doit délivrer un avis écrit à l'investisseur faisant état de détails sur les motifs d'annulation et lui demandant des explications sur ces motifs.

L'investisseur enregistré est tenu de fournir des explications écrites, dans un délai de dix (10) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande de l'Office.

Lorsque l'investisseur ne fournit pas les explications dans les délais prévus ou lorsque l'Office n'est pas satisfait des explications données, l'Office annule le certificat d'investissement.

**Article 21: Recours contre la décision d'annulation d'un certificat d'investissement**

Lorsque l'investisseur n'est pas satisfait de la décision prise, il peut faire recours contre cette décision devant le responsable de l'Office dans un délai de dix (10) jours ouvrables à compter de la date de notification d'une telle décision.

Le responsable de l'Office statue sur l'appel dans un délai de dix (10) jours ouvrables à compter de la date d'appel.

**UMUTWE WA VIII: INGINGO  
Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 22: Igihe cy'inzibacyuho**

Umushoramari uhabwa ibikorwa bishishikariza ishoramari hakurikijwe itegeko n° 26/2005 ryo ku wa 17/12/2005 rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari n'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga, bikaba bidateganyijwe n'iri tegeko akomeza kubihabwa mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) abarwa uherye ku munsu iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Icyakora, igihe cy'inzibacyuho kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntikireba:

- a) ibikorwa bishishikariza ishoramari bigabanyiriza umushoramari umusoro ku nyungu z'amasosiyete hashingiwe ku mubare w'abanyarwanda akoresha no ku bicuruzwa byoherezwa mu mahanga bihita bivaho iri tegeko rikimara gutangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda;
- b) umushoramari wahawe na Leta y'u Rwanda mu nyandiko, ibikorwa bishishikariza ishoramari by'inyongera bijyane n'umusoro mu gihe runaka, mbere y'itangazwa ry'iri tegeko mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, ukomeza kubihabwa kugeza igihe kigenwe niyo nyandiko kirangiye.

**CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND  
FINAL PROVISIONS**

**Article 22: Transitional period**

An investor who benefits from the incentives provided under Law n° 26/2005 of 17/12/2005 relating to investment and export promotion and facilitation, which are not provided for under this Law, shall continue to benefit from these incentives for a twelve (12) months period from the date of the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

However, the transitional period referred to under Paragraph One of this Article shall not be applicable to:

- a) incentives on corporate income tax discounts based on the number of Rwandans employed and export which shall be terminated on the date of the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda;
- b) investor benefiting from additional time-bound tax-related incentives for which the government of Rwanda has signed an undertaking before the publication of this law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda who continue to benefit from these incentives until the end of the period specified in the undertaking.

**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS  
TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 22: Période transitoire**

Un investisseur qui bénéficie des mesures incitatives prévues par la Loi n° 26/2005 du 17/12/2005 portant promotion et facilitation des investissements et des exportations alors que ces mesures ne sont pas prévues par la présente loi continue d'en bénéficier pour une période de douze (12) mois à compter du jour de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Toutefois, la période transitoire visée à l'alinéa premier du présent article n'est pas applicable:

- a) aux mesures incitatives en rapport avec les réductions d'impôt sur les bénéfices des sociétés, sur base du nombre de Rwandais employés et de l'exportation, qui prennent fin le jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda;
- b) à un investisseur bénéficiant de mesures incitatives additionnelles fiscales dans un délai déterminé pour lesquelles l'Etat rwandais a signé un engagement avant la publication de la présente loi dans le Journal Officiel de la République du Rwanda qui continue d'en bénéficier jusqu'à la fin de la période prévue dans l'engagement.



*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

Ibigo bikora imirimo y'imari iciriritse byahawe igikorwa gishishikariza ishoramari cyo kwishyura umusoro ku nyungu ungana na zero ku ijana (0%) mu gihe cy'imyaka itanu (5) hashingiwe ku Itegeko n° 26/2005 ryo ku wa 17/12/2005 rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari n'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga, bikomeza kugihabwa kugeza icyo gihe kirangiye.

**Ingingo ya 23: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 24: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 26/2005 ryo ku wa 17/12/2005 rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari n'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 25: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali. ku wa 28/03/2015

Companies that carry out microfinance activities benefiting from the investment incentive of paying a profit tax equivalent to zero per cent (0%) during a five (5) years period in accordance with Law n° 26/2005 of 17/12/2005 relating to investment and export promotion and facilitation, will continue to benefit from this incentive until the end of that period.

**Article 23: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 24: Repealing of a Law and inconsistent provisions**

The Law n° 26/2005 of 17/12/2005 relating to investment and export promotion and facilitation and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 25: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 28/03/2015

Les sociétés commerciales qui mènent des activités de micro finance bénéficiant de la mesure incitative qui consiste à payer un impôt sur les bénéfices équivalant à zéro pour cent (0%) pendant une période de cinq (5) ans conformément à la Loi n° 26/2005 du 17/12/2005 portant promotion et facilitation des investissements et des exportations continuent d'en bénéficier jusqu'à l'expiration de cette période.

**Article 23: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**Article 24: Disposition abrogatoire**

La Loi n° 26/2005 du 17/12/2005 portant promotion et facilitation des investissements et des exportations et toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 25: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 28/03/2015

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA W'ITEGEKO N° 06/2015 RYO KU WA 28/03/2015 RIGAMIJE GUTEZA IMBERE NO KOROHEREZA ISHORAMARI**

**IBIKORWA BIDASANZWE BISHISHIKARIZA ISHORAMARI KU BASHORAMARI BANDITSE**

**I. Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete kingana na zero ku ijana (0%)**

Isosiyete mpuzamahanga y'ubucuruzi ifite icyicaro gikuru cyangwa icyicaro cy'akarere mu Rwanda itanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete ungana na zero ku ijana (0 %) iyo yujuje ibi bikurikira:

- 1° gushora ibihwanye nibura na miliyoni icumi z'amadorari y'Amerika (USD 10.000.000) mu mitungo ifatika cyangwa idafatika mu Rwanda;
- 2° guha abanyarwanda akazi no kubahugura;
- 3° gukora ihererekanya ry'amafaranga ku rwego mpuzamahanga angana nibura na miliyoni eshanu z'amadorari y'Amerika (USD 5,000,000) mu mwaka agenewe imirimo y'ubucuruzi, anyuzwa nibura muri imwe mu mabanki y'ubucuruzi yemewe mu Rwanda;
- 4° kuba ifite ubunararibonye mu byo ikora;

**ANNEX TO LAW N° 06/2015 OF 28/03/2015 RELATING TO INVESTMENT PROMOTION AND FACILITATION**

**SPECIAL INCENTIVES FOR REGISTERED INVESTORS**

**I. Preferential corporate income tax rate of zero per cent (0%)**

An international company which has its headquarters or regional office in Rwanda will be entitled to a preferential corporate income tax rate of zero per cent (0%) if it fulfils the following requirements:

- 1° to invest the equivalent of at least ten million United States Dollars (USD 10,000,000), in both tangible or intangible assets, in Rwanda;
- 2° to provide employment and training to Rwandans;
- 3° to conduct international financial transactions equivalent to at least five million United States Dollars (USD 5,000,000) a year for commercial operations through a licensed commercial bank in Rwanda;
- 4° to be well established in the sector within

**ANNEXE A LA LOI N° 06/2015 DU 28/03/2015 PORTANT PROMOTION ET FACILITATION DES INVESTISSEMENTS**

**MESURES INCITATIVES SPECIALES POUR LES INVESTISSEURS ENREGISTRES**

**I. Taux d'impôt préférentiel sur le revenu des sociétés de zéro pour cent (0 %)**

Une société commerciale internationale qui a son siège ou son bureau régional au Rwanda a droit à un taux d'impôt préférentiel sur le revenu des sociétés de zéro pour cent (0 %) lorsqu'elle remplit les conditions suivantes:

- 1° investir l'équivalent d'au moins dix millions de dollars américains (10.000.000 USD), dans des actifs corporels ou incorporels, au Rwanda ;
- 2° fournir de l'emploi et de la formation aux Rwandais;
- 3° faire des transactions financières internationales équivalentes au moins à cinq millions de dollars (5.000.000 USD) par an pour des opérations commerciales par le biais d'une banque commerciale agréée au Rwanda;
- 4° être bien implantée dans son secteur

**Official Gazette n° Special of 27/05/2015**

	which it operates;	d'activité;
5° gukoresha nibura miliyoni ebyiri z'amadorari y'Amerika (USD 2,000,000) buri mwaka mu Rwanda;	5° to use the equivalent of at least two million United States Dollars (USD 2,000,000) per year in Rwanda;	5° dépenser l'équivalent d'au moins deux millions de dollars américains (2.000.000 USD) par an au Rwanda;
6° gushyiraho ubuyobozi n'ihuzabikorwa ry'imirimo bikorera mu Rwanda mu buryo bugaragara no kuhakorera nibura imirimo y'ingenzi itatu (3) muri iyi ikurikira:	6° to set up actual and effective administration and coordination of operations in Rwanda and perform at least three (3) of the following services in Rwanda:	6° mettre en place une administration et une coordination effective et efficace des opérations au Rwanda et y effectuer au moins trois (3) des services suivants:
a) ibikorwa byo gutanga amasoko y'ibikoresho fatizo cyangwa ibicuruzwa bitagikeneye gutunganywa;	a) procurement of raw materials, components or finished products;	a) approvisionnement de matières premières ou de produits finis;
b) kugenzura amasoko no guteganya uburyo bwo guteza imbere ubucuruzi;	b) market control and sales promotion planning;	b) contrôle de marché et planification de la promotion des ventes;
c) serivisi zishinzwe gucunga amakuru;	c) information and data management services;	c) services de gestion d'information et de données;
d) serivisi zishinzwe gucunga amafaranga;	d) treasury management services;	d) services de gestion de trésorerie;
e) ubushakashatsi n'iterambere;	e) research and development work;	e) travaux de recherche et développement;
f) amahugurwa n'imicungire y'abakozi.	f) training and personnel management.	f) gestion et formation du personnel.
<b>II. Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete kingana na cumi n'atanu ku ijana (15%)</b>	<b>II. Preferential corporate income tax rate of fifteen percent (15%)</b>	<b>II. Taux d'impôt préférentiel sur le revenu des sociétés de quinze pour cent (15%)</b>
Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete ungana na cumi n'atanu ku ijana (15%) gihabwa:	A preferential corporate income tax rate of fifteen percent (15%) shall be accorded to:	Un taux d'impôt préférentiel sur le revenu des sociétés de quinze pour cent (15%) est accordé à:

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

- 1° Umushoramari wanditse wohereza ibicuruzwa na serivisi hanze bingana na mirongo itanu ku ijana (50%) by'igicuruzo rusange cy'ibicuruzwa na serivisi bikorerwa mu Rwanda, harimo n'ibikorwa by'ikigo bikorwa n'ikindi kigo. Iki gikorwa gishishikariza ishoramari ntikireba amabuye y'agaciro, icyayi n'ikawa byoherezwa mu mahanga bidafite inyongeragaciro nk'uko biteganywa n'iri tegeko.
- 2° Umushoramari wanditse ukora kimwe muri ibi bikurikira: kubyaza, gukwirakwiza cyangwa kugeza ku bafatabuguzi ingufu zikomoka kuri nyiramugengeri, imirasire y'izuba, amashyuza, amazi, biyomasi, gazi metani n'umuyaga. Iki gikorwa gishishikariza ishoramari ntikireba ufitanye amasezerano na Leta y'u Rwanda yerekeranye n'amasoko ya Leta mu bikorwa byavuzwe akorwa mu izina ryayo.
- 3° Umushoramari wanditse mu byerekeranye n'ubwikorezi bw'ibintu n'ibikorwa bijyana na bwo, ukoresha ikamyo ze bwite nibura eshanu (5) kandi buri kamyo yikorera nibura toni makumyabiri (20).
- 4° Umushoramari wanditse ukora ibijyanye no gutwara abantu n'ibintu ukoresha nibura bisi ze bwite icumi (10) kandi buri bisi ifite ubushobozi bwo gutwara abantu nibura makumyabiri na batanu (25);
- 5° Umushoramari wanditse mu byerekeranye n'ishoramari mu itumanaho n'ikoranabuhanga (ICT) ushura imari muri kimwe muri ibi
- 1° A registered investor, exporting at least fifty percent (50%) of turnover of goods and services produced in Rwanda, including business processing outsourcing. This incentive excludes unprocessed minerals, tea and coffee without value addition according to the provisions of this Law.
- 2° A registered investor undertaking one of the following operations: energy generation, transmission and distribution from peat, solar, geothermal, hydro, biomass, methane and wind. This incentive excludes an investor having an engineering procurement contract executed on behalf of the Government of Rwanda;
- 3° A registered investor in the sector of transport of goods and related activities whose business is operating a fleet of at least five (5) trucks registered in the investor's name, each with a capacity of at least twenty (20) tons.
- 4° A registered investor operating in mass transportation of passengers and goods with a fleet of at least ten (10) buses registered in the investor's name, each with a capacity of at least twenty five (25) seats;
- 5° A registered investor in the Information and Communication Technology (ICT) Sector with an investment involving one of the following
- 1° Un investisseur enregistré exportant au moins cinquante pour cent (50%) du chiffre d'affaires de biens et services produits au Rwanda, y compris les activités d'externalisation des produits. Cette mesure incitative ne concerne pas l'exportation de minéraux, de thé et de café sans valeur ajoutée, conformément aux dispositions de la présente loi.
- 2° Un investisseur enregistré dans l'une des opérations suivantes : production, transport et distribution de tourbe, d'énergie solaire, géothermique, hydroélectrique, de biomasse, de gaz méthane et d'énergie éolienne. Cette mesure incitative exclut un investisseur ayant un contrat d'approvisionnement des services d'ingénierie exécuté au nom de l'Etat Rwandais ;
- 3° Un investisseur enregistré dans le secteur du transport des biens et activités y relatives dont l'entreprise exploite une flotte d'au moins cinq (5) camions d'au moins vingt (20) tonnes chacun enregistrés en son nom.
- 4° Un investisseur enregistré dans le secteur du transport de passagers et de biens avec une flotte d'au moins dix (10) autobus d'une capacité d'au moins vingt-cinq (25) sièges chacun enregistrés en son nom ;
- 5° Un investisseur enregistré dans le secteur de technologies de l'information et de la communication (TIC) grâce à un

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

- bikurikira: gutanga serivisi, gukora ibicuruzwa cyangwa guteranya ibikoresho. Iki gikorwa gishishikariza ishoramari ntikireba itumanaho, ubucuruzi bwo kudandaza cyangwa kuranguza ibyerekeye itumanaho n'ikorabuhanga n'imirimo yo gusana ibikoresho by'itumanaho n'ikorabuhanga.
- 6° Umushoramari wanditse ukora umwe mu mirimo ikurikira yo gutanga serivisi mu by'amafaranga: ibikorwa by'ubucuruzi mpuzamahanga; ibigega by'imari yihariwe, imicungire y'ibigega by'imari, imicungire y'umutungo; ibigega by'imari bihuriweho, ishoramari rikomatanyije, ubwishingizi bushingiye ku buryozwe bwo hanze, ishyingu ry'ishoramari n'inyandiko z'agaciro zishingiye. Iki gikorwa gishishikariza ishoramari ntikireba ibigega bikusanya amafaranga n'imicungire y'umutungo by'imbere mu gihugu, imirimo isanzwe ya banki n'ibikorwa by'ubwishingizi.
- 7° Umushoramari wanditse mu bikorwa by'ubwubatsi bw'amazu y'amacumbi aciriritse wujuje ibigenwa n'amabwiriza ya Minisitiri ufite imiturire mu nshingano ze.
- 8° Umushoramari wanditse mu kindi cyiciro cy'ubukungu kigomba kwitabwaho mbere y'ibindi cyagenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.
- activities: service, manufacturing or assembly. This incentive excludes ICT retail and wholesale trade as well as ICT repair industries and telecommunications;
- 6° A registered investor operating in the following financial services: global business activities, private equity funds, fund management, wealth management; mutual funds, collective investment schemes, captive insurance schemes, venture capital, and asset backed securities. This incentive excludes locally oriented fund and wealth management, retail banking and insurance activities.
- 7° A investor registered in building low-cost housing and upon fulfilling the criteria provided under the instructions of the Minister in charge of housing.
- 8° An investor registered in any another priority economic sector as may be determined by an Order of the Minister in charge of finance.
- investissement impliquant une des activités suivantes : les services, la fabrication ou le montage. Cette mesure incitative exclut le commerce grossiste ou détaillant des TIC ainsi que l'industrie de réparation des TIC et des télécommunications;
- 6° Un investisseur enregistré dans les services financiers suivants: les activités commerciales globales, les fonds de placement privés, la gestion de fonds, la gestion de patrimoine, les fonds communs de placement, les régimes d'assurance captive, le capital à risque, les placements collectifs de capitaux et les titres dérivatifs du patrimoine. Cette mesure incitative exclut les fonds de nature locale et la gestion de patrimoine, les services bancaires classiques et les activités d'assurance.
- 7° Un investisseur enregistré dans la construction de logements abordables remplissant les critères définis par les instructions du Ministre ayant l'habitat dans ses attributions.
- 8° Un investisseur enregistré dans un autre secteur économique prioritaire pouvant être déterminé par arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions.

**III. Gusonerwa gutanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete mu gihe cy'imyaka irindwi (7)**

Umushoramari wanditse ushoye ibihwanye nibura na miliyoni mironko itanu z'amadolari y'Amerika (USD 50.000.000) kandi ibingana nibura na mironko itatu ku ijana (30%) y'icyo gishoro ari ibye bwite asonerwa umusoro ku nyungu z'amasosiyete mu gihe cy'imyaka irindwi (7) iyo akorera mu nzego zikurikira:

- 1° imishinga yerekeranye no gutanga ingufu zingana nibura na megawati makumyabiri n'eshanu (25MW). Iki gikorwa gishishikariza ishoramari ntikireba ufitanye amasezerano na Leta y'u Rwanda yerekeranye n'amasoko ya Leta muri iki gikorwa, akorwa mu izina ryayo ndetse n'umushoramari ukora ibikorwa byo kubyaza ingufu akoresheje ibikomoka kuri peteroli;
- 2° gutunganya ibintu mu nganda;
- 3° ubukerarugendo;
- 4° ubuzima;
- 5° umushoramari wanditse mu byerekeranye n'ishoramari mu itumanaho n'ikorabuhanga (ICT) ushura imari muri kimwe muri ibi bikurikira: gutanga serivisi, gukora ibicuruzwa cyangwa

**III. Corporate income tax holiday of up to seven (7) years**

A registered investor investing an equivalent of at least fifty million United States Dollars (USD 50,000,000) and contributing at least thirty percent (30%) of this investment in form of equity in the sectors specified below will be entitled to a maximum of seven (7) year corporate income tax holiday:

- 1° energy projects producing at least twenty five megawatts (25 MW). This incentive exclude an investor having an engineering procurement contract executed on behalf of the Government of Rwanda and fuel produced energy;
- 2° manufacturing;
- 3° tourism;
- 4° health;
- 5° Information and Communication Technology (ICT) Sector with an investment involving manufacturing, assembly and service. This incentive excludes communication, ICT retail and

**III. Dispense fiscale sur le revenu des sociétés pendant sept (7) ans**

Un investisseur enregistré qui investit l'équivalent d'au moins cinquante millions de dollars américains (50.000.000 USD) et qui contribue au moins pour une part de trente pour cent (30%) de cet investissement sous forme de capitaux propres dans les secteurs indiqués ci-dessous a droit à une dispense fiscale sur le revenu des sociétés pendant sept (7) ans maximum:

- 1° projets d'énergie produisant au moins vingt-cinq mégawatts (25 MW). Cette mesure incitative exclut l'investisseur ayant un contrat de marché public des services d'ingénierie exécuté au nom de l'Etat Rwandais et l'investisseur dans la production d'énergie sur base des produits pétroliers;
- 2° industrie de fabrication;
- 3° tourisme;
- 4° santé;
- 5° Technologies de l'information et de la Communication (TIC) grâce à un investissement impliquant la fabrication, le montage et les services. Cette mesure incitative exclut la communication, le

*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

guteranya ibikoresho. Iki gikorwa gishishikariza ishoramari ntikireba itumanaho, ubucuruzi bwo kudandaza cyangwa kuranguza ibyerekeye itumanaho n'ikorabuhanga n'imirimu yo gusana ibikoresho by'itumanaho n'ikorabuhanga;

wholesale trade as well as ICT repair companies or enterprises and Telecommunications;

commerce grossiste ou détaillant des TIC ainsi que les entreprises ou sociétés de réparation des TIC et des télécommunications ;

6° imishinga y'ishoramari igamije kohereza ibicuruzwa mu mahanga;

6° export related investment projects;

6° projets d'investissement axés sur l'exportation;

7° umushoramari wanditse mu kindi cyiciro cy'ubukungu kigomba kwitabwaho mbere y'ibindi cyagenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

7° an investor registered in another priority economic sector as may be determined by an Order of the Minister in charge of finance.

7° un investisseur enregistré dans un autre secteur économique prioritaire pouvant être déterminé par arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions.

**IV. Gusonerwa umusoro ku nyungu y'amasosiyete mu gihe cy'imyaka itanu (5)**

**IV. Corporate income tax holiday of up to five (5) years**

**IV. Exonération fiscale sur le revenu des sociétés pendant cinq (5) ans**

Ibigo by'imari iciriritse byemejwe n'inzeho zibifitiye ububasha bisonerwa umusoro ku nyungu z'amasosiyete mu gihe cy'imyaka itanu (5), guhera igihe ibyo bigo byemerejwe. Cyakora, icyo gihe gishobora kongerwa mu gihe ibyo bigo byujuje ibiteganywa n'iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Microfinance institutions approved by competent authorities will be entitled to a tax holiday of a period of five years (5 years) from the time of their approval. However, this period may be renewed upon fulfilling conditions prescribed in the Order of the Minister in charge of finance.

Les institutions de micro finance agréées par les autorités compétentes ont droit à une exonération fiscale d'une durée de cinq (5) ans à compter de leur agrément. Toutefois, cette période peut être renouvelée après avoir rempli les conditions prescrites par un arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions.

**V. Gusonerwa imisoro n'amahoro ya gasutamo ku bintu bikoresha ahantu hatunganyirizwa ibyoherezwa mu mahanga**

**V. Exemption of customs tax for products used in Export Processing Zones**

**V. Exonération des taxes et droits de douane pour les produits utilisés dans les zones franches d'exportation**

Umushoramari wanditse ushura imari ku bintu bikoresha ahantu hatunganyirizwa ibyoherezwa mu mahanga asonerwa imisoro n'amahoro byakwa

A registered investor investing in products used in Export Processing Zones shall be exempted from customs taxes and duties according to the

Un investisseur enregistré qui investit dans les produits utilisés dans les zones franches d'exportation est exonéré des taxes et droits de



*Official Gazette n° Special of 27/05/2015*

muri gasutamo nk'uko biteganywa n'amategeko ya gasutamo n'amabwiriza y'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba.

provisions of customs rules and regulations of the East African Community.

douane conformément aux règles et règlements de la Communauté de l'Afrique de l'Est.

**VI. Gusonera umusoro ku nyongeragaciro ikomoka ku bugure**

Umushoramari wanditse ntiyishyura umusoro ku nyongeragaciro ikomoka ku bugure. Cyakora, inyungu zikomoka mu kugurisha umutungo utimukanwa ukoreshwa mu bucuruzi zibarirwa ku nyungu z'umushoramari zisoreshwa.

**VI. Exemption of Capital Gains Tax**

A registered investor shall not pay capital gains tax. However, income derived from the sale of a commercial immovable property shall be included in the taxable income of the investor.

**VI. Exonération de l'impôt sur la plus-value**

Un investisseur enregistré ne paie pas d'impôt sur la plus-value. Toutefois, les revenus provenant de la vente d'un immeuble à caractère commercial doivent figurer dans le revenu imposable de l'investisseur.

**VII. Gusubizwa umusoro ku nyongeragaciro**

Umusoro ku nyongeragaciro watanzwe n'abashoramari usubizwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'uko ikigo gishinzwe kwakira imisoro cyakiriye inyandiko zabigenewe.

**VII. Value Added Tax refund**

The refund of the Value Added Tax paid by investors shall be made within a period not exceeding fifteen (15) days upon receipt of the relevant documents by the tax administration authority.

**VII. Remboursement de la taxe sur la valeur ajoutée**

Le remboursement de la taxe sur la valeur ajoutée payée par les investisseurs se fait dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours suivant la réception par l'administration fiscale de la demande y relative.

**VIII. Ukwihuta k'ubwicungure**

Umushoramari wanditse yemerewe ubwicungure bwihutishijwe ku gipimo cya mirongo itanu ku ijana (50%) mu mwaka wa mbere ku mitungo mishya cyangwa yakoze iyo yujuje ibi bikurikira:

**VIII. Accelerated depreciation**

A registered investor shall be entitled to a flat accelerated depreciation rate of fifty per cent (50%) for the first year for new or used assets if he/she meets the following criteria :

**VIII. Amortissement accéléré**

Un investisseur enregistré a droit à un amortissement accéléré forfaitaire de cinquante pour cent (50%) pour la première année pour des biens nouveaux ou usagés lorsqu'il remplit les critères ci-dessous:

1° ishoramari kuri buri mutungo ufite agaciro kangana nibura n'ibihumbi mirongo itanu by'amadolari y'Amerika (USD 50.000) ;

1° invest in business assets worth at least fifty thousand US dollars (USD 50,000) each;

1° investir l'actif commercial d'au moins cinquante mille dollars américains (50.000 USD) chacun;

2° kuba akorera nibura muri kimwe mu

2° operate in at least one of the sectors below

2° travailler dans au moins un des secteurs

**Official Gazette n° Special of 27/05/2015**

byiciro bikurikira kandi yujuje ibisabwa:	and meet the requirements:	ci-dessous et satisfaire aux exigences requises:
a) imishinga yerekeranye n'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga;	a) export projects;	a) projets d'exportation;
b) gutunganya ibicuruzwa mu nganda;	b) manufacturing;	b) industrie de fabrication;
c) itumanaho;	c) telecommunications;	c) télécommunications;
d) gutunganya ibikomoka ku buhinzi;	d) agro processing;	d) transformation de produits agricoles;
e) uburezi;	e) education;	e) éducation;
f) ubuzima;	f) health;	f) santé;
g) ubwikorezi butarimo imodoka z'abagenzi batagera ku icyenda (9);	g) transport excluding passenger vehicles with less than nine (9) people seating capacity;	g) transport à l'exclusion des véhicules d'une capacité de moins de neuf (9) places;
h) ishoramari mu bukerarugendo bufite agaciro nibura kangana na miliyoni imwe n'ibihumbi magana inani y'amadorari y'Amerika (USD 1.800.000);	h) tourism investments worth at least one million eight hundred thousand United States Dollars (USD 1, 800, 000);	h) les investissements touristiques d'une valeur d'au moins un million huit cent mille dollars américains (1.800.000 USD);
i) imishinga y'ubwubatsi ifite agaciro kangana nibura na miliyoni mwe na magana inani y'Amerika (USD 1. 800. 000);	i) construction projects worth at least one million eight hundred thousand United States dollars (USD 1,800,000);	i) projets de construction d'une valeur d'au moins un million huit cent mille dollars américains (1.800.000 USD);
j) ibindi byiciro bifite agaciro nibura kangana n'ibihumbi ijana by'amadorari y'Amerika (USD 100.000);	j) any other sectors provided the investment is worth at least one hundred thousand United States dollars (USD 100,000);	j) investissements dans d'autres secteurs d'une valeur d'au moins cent mille dollars américains (100.000 USD);
k) ikindi cyiciro cy'ubukungu kigomba kwitabwaho mbere y'ibindi cyagenwa	k) any other priority sector as may be determined by an Order of the Minister in	k) tout autre secteur prioritaire pouvant être déterminé par arrêté du Ministre ayant les

**Official Gazette n° Special of 27/05/2015**

n'Iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;

charge of finance;

finances dans ses attributions;

3° kurangiza inshingano zikurikira:

3° meet the obligations defined below:

3° respecter les obligations définies ci-après:

a) kugumana iyo mitungo nibura imyaka itatu (3) nyuma yo guhabwa ubwicingure bwihutishijwe;

a) keep the assets for at least three (3) years after benefiting from the accelerated depreciation;

a) garder cet actif pendant au moins trois (3) ans après avoir bénéficié de l'amortissement accéléré;

b) kumenyesha Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'imisoro n'amahoro mu gihe imitungo imuvuyeho imyaka itatu (3) itararangira. Iyo umushoramari yikuyeho iyo mitungo mbere y'uko imyaka itatu (3) irangira, yishyura ikinyuranyo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete gikomoka ku bwicingure bwihutishijwe n'inyungu z'ubukererwe zibarirwa kuri icyo kinyuranyo. Cyakora ntacyo yishyura iyo bigaragaye ko imitungo imuvuyeho bitewe n'ibiza, impanuka cyangwa indi mpamvu itamuturutseho.

b) inform the Commissioner General of the Rwanda revenue authority of the disposal of the business assets in case such disposal is made before three (3) years. Where an investor makes the disposal of such assets before the expiration of three (3) years, he/she shall pay the difference from the reduction of corporate income tax caused by the accelerated depreciation as well as any applicable penalties and interests. However, the investor shall not be liable to pay any amount where it is determined that such disposal was the effect of natural calamities, hazards or any other involuntary reason.

b) informer le Commissaire Général de l'Office rwandais des recettes de la cession de l'actif dans le cas où cette cession est faite avant trois (3) ans. Lorsque l'investisseur fait la cession de cet actif avant l'expiration de trois (3) ans, il doit payer la différence sur le revenu résultant de l'amortissement accéléré et les intérêts de retard. Toutefois, il ne paie aucun montant lorsqu'il est constaté que cette cession est l'effet des catastrophes naturelles, des accidents ou d'autre raison involontaire.

**IX. Ibikorwa bishishikariza ishoramari byerekeranye n'abinjira mu gihugu**

**IX. Immigration incentives**

**IX. Mesures incitatives en rapport avec l'immigration**

1° Umushoramari wanditse, ugize umuryango we n'undi ushobora gufatwa nk'ugize umuryango we bahabwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda hakurikijwe amategeko abigenga.

1° A registered investor and his/her dependants shall be issued with a residence permit in accordance with relevant laws.

1° Un investisseur enregistré, un membre de sa famille et toute autre personne considérée comme membre de sa famille reçoivent un permis de séjour conformément aux dispositions légales en la matière.

2° Umushoramari wanditse ushura nibura

2° A registered investor who invests an

2° Un investisseur enregistré qui investit

**Official Gazette n° Special of 27/05/2015**

ibihwanye n'ibihumbi magana abiri na mirongo itanu by'amadorari y'Amerika (USD 250.000) ashobora guha akazi abantu batatu b'abanyamahanga hatagombye kugaragazwa ko ubumenyi bwabo budahari cyangwa budahagije ku isoko ry'umurimo mu Rwanda.

equivalent of at least two hundred fifty thousand United States Dollars (USD 250,000) may recruit three (3) foreign employees without necessarily demonstrating that their skills are lacking or insufficient on the labour market in Rwanda.

l'équivalent d'au moins deux cent cinquante mille dollars américains (250.000 USD) peut recruter trois (3) employés étrangers sans nécessairement démontrer que leurs connaissances n'existent pas ou ne sont pas suffisantes sur le marché du travail au Rwanda.

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Itegeko n°06/2015 ryo ku wa 28/03/2015 rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari.**

**Seen to be annexed to the Law n°06/2015 of 28/03/2015 relating to investment promotion and facilitation.**

**Vu pour être annexé à la Loi n°06/2015 du 28/03/2015 portant promotion et facilitation des investissements.**

Kigali, ku wa 28/03/2015

Kigali, on 28/03/2015

Kigali, le 28/03/2015

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux